REPUBULIKA Y'U RWANDA

22 MAY 2017

Kigali,

Ref n° ..... /PS/Culture/2017

1894

MINISITERI YA SIPORO N'UMUCO

AMABWIRIZA AJYANYE N'ABASHAKA GUKODESHA ITORERO NDANGAMUCO RY'IGIHUGU URUKEREREZA

Ingingoya 1: IKIGAMIJWE

Aya mabwiriza agamije gushyiraho umurongo ngenderwaho kubashaka gukodesha Urukerereza mu bikorwa bitandukanye bijyanye n'inshingano yarwo yo guseruka haba ku bigo bya Leta cyangwa abikorera.

Ingingoya 2: Ibisabwa abashaka gukodesha Urukerereza

1) Kwandikira Minisiteri ya Siporo n'Umuco urwandiko rusaba Urukerereza nibura iminsi 10 mbere y'uko igikorwa bateganya gitangira;
2) Kugaragaza muri urwo rwandiko serivisi izatangwa n'Urukerereza (gutarama muri dinner, kwakira abashyitsi kuri Airport, gutaramira abari mu nama n'ibindi, hagaragazwa amatariki Urukerereza ruzakenererwaho);
3) Kumenyesha mu nyandiko Minisiteri ya Siporo n'Umuco igihe habaye impinduka zijyanye na gahunda yariteganyijwe;
4) Kugeza kuri Minisiteri ya Siporo n'Umuco "Bon de commande" igaragaza ko Itorero ryemerewe kwitegura kugira ngo rizaseruke iminsi 3 mbere yuko imyitozo itangira;

5) Kumenyesha mu nyandiko Minisiteri ya Siporo n'Umuco, impinduka zabaye muri "bon de commande" yatanzwe mbere mugihe habayeho ko Urukerereza rukenerwa mbere ya gahunda yari yateganyijwe kugira ngo bizashobore kwishyurwa;

6) Abifuza gukoresha Urukerereza mu mahanga, hazajya hakoreshwa Intore 15 harimo n'umutoza kandi bakishyura ibikenewe byose bijyanye n'urugendo, imibereho na perdiem;

7) Kugena umuntu uhagarariye Urwego rukeneye Urukerereza ukorana umunsi ku wundi n'abatoza Urukerereza guhera mu myiteguro n'umunsi wo guseruka;

8) Guhabwa aho Itorero ryitegurira (aho kwambarira bitegura guseruka cyangwa nyuma y'umukino (mbere na nyuma yo guseruka);

Ingingoya 3: Ibyo Minisiteri ya Siporo n'Umuco isabwa

1) Gusubiriza ku gihe ikigo gisaba Urukerereza (yemera cyangwa ihakana);

2) Kugeza ku rwego rusaba Urukerereza ingengo y'imari y'ibikenewe mbere yo gutangira imyitozo no kuzabagezaho inyemezabuguzi igikorwa kirangiye kugira ngo bishyure;

3) Gutegura Itorero rigaseruka ku buryo bwa kinyamwuga hashingiwe ku bwoko bw'igitaramo cyasabwe.

22 MAY 2017

Bikorewe i Kigali, kuwa .....

Lt. Col. Patrice RUGAMBWA

Umunyamabanga Uhoraho